UBWIBONE
(AL KIBR)
ABBAS IBN ISMAIL
TEL: +250788920574

IBIGIZE IKIGANIRO:

1. UBUSOBANURO BW'IBANZE
2. IMPAMVU ZITERA UBWIBONE
3. INGERO Z'ABIBONE
4. IBYIZA BYO KUTABA UMWIBONE
5. IBADA ZIGUKURA MU BWIBONE
6. JAMAT ITARANGWAMO ABIBONE
7. UMUSOZO

1. UBUSOBANURO BW'IBANZE

Kibr (ubwirasi cyangwa ubwibone) ni imikorere iranga umuntu ikamutera gupyinagaza abandi ababonamo agaciro kari munsi cyane y'ako bafite ahanini bitewe no kwiyumvamo we ko atari kimwe nabo mu by'ibanze bihesha ikiremwa agaciro.

Iki ni icyo cyaha cyakozwe na Ibilis, ubwo Imana yamutegekaga kubamira Adamu, ariko Iblis arinangira, anabajijwe impamvu yatumye atubama yiyemerera ko atari akwiye kubamira umuntu waremwe mu gitaka kandi we aremye mu muriro.

Mu gisobanuro Intumwa y'Imana (S) yahaye umugabo wavugaga ko akunda kwambara neza agacya kurusha abandi yibwira ko aribyo bisobanuye Kibr yamubwiye ko ubwirasi, **(Al Kibr) ari ukwanga ukuri ubizi no kubona abandi bantu ko bari hasi. Sunan Abu Dawud 4092.**

2. IMPAMVU ZITERA UBWIBONE

N'ubwo twese tubasha kumva ububi bw'ubwibone ndetse twabona uwibona tukabona ko yarengereye, ariko buri wese yirebyeho ashobora kwibonaho ibimenyetso by'ubwibone mu bihe bimwe na bimwe.

Hari impamvu nyinshi zituma abantu bagira ubwibone:

- Izishingiye ku bintu karemano: Indeshyo, isura, ubwenge,…
- Izishingiye ku nkomoko: Umuryango ukomokamo, igihugu,…
- Izishingiye ku guhatana: Umutungo mwinshi, ubumenyi (cyangwa impamyabumenyi), urwego rw'ubuyobozi,…
- Izishingiye ku kutamenya: Agaciro n'ingaruka,…
- Izishingiye ku ntege nke: Gutsindwa, ubukene, ishyari,…
- Izishingiye ku mutima watannye (uburyarya, ubuhakanyi, urwiganwa,…

2. IMPAMVU ZITERA UBWIBONE

2.1 IZISHINGIYE KU BINTU KAREMANO (INDESHYO, ISURA, UBWENGE N'IBINDI…

Buri gihe usanga umuntu yireba uko areshya, uko asa, uko ubwenge bwe bukoran'izindi ngabire karemano aho gushimira Imana ahubwo akabigira impamvu yo kwiyumvamo igitangaza.
Imana iduha urugero kuri Iblis wigometse bwa mbere aho igira iti:

قَالَ مَا مَنَعَكَ أَلَّا تَسْجُدَ إِذْ أَمَرْتُكَ ۖ قَالَ أَنَا۠ خَيْرٌ مِّنْهُ خَلَقْتَنِى مِن نَّارٍ وَخَلَقْتَهُۥ مِن طِينٍ ﴿١٢﴾

"Imana ibaza Iblis iti: Ni iki cyakubujije kubama ubwo nabigutegekaga? Iblis ati: "Nge ndamuruta, wandemye mu muriro we umurema mu cyondo." **Kor'ani 7:12.**

Niba iki gikorwa cyo kunena cyaratumye Iblis yigomeka ku Mana dukwiye kwibaza ngo ni kangahe tubona abantu batareshya nkatwe, badakeye nkatwe cyangwa batari incabwenge nkatwe tukabapfobya?

2.2 IZISHINGIYE KU NKOMOKO (UMURYANGO UKOMOKAMO, IGIHUGU,...

Usanga umuntu yirata aho akomoka akanabona ko abakomoka ahandi hatari aho, ari abo gutesha agaciro. Abakomoka mu bihugu byateye imbere cyangwa bifite umutungo kamere mwinshi usanga basuzugura abakiri inyuma mu iterambere.

Imana yaduhaye urugero ku bwibone abanyamakka bari bafite mbere y'urugamba rwa Badri ikanabuza abemera kugenza nkabo.

وَلَا تَكُونُواْ كَٱلَّذِينَ خَرَجُواْ مِن دِيَٰرِهِم بَطَرًا وَرِئَآءَ ٱلنَّاسِ وَيَصُدُّونَ عَن سَبِيلِ ٱللَّهِۚ وَٱللَّهُ بِمَا يَعۡمَلُونَ مُحِيطٞ ٤٧

Imana iti: "Kandi ntimukitware nk'abasohotse mu ngo zabo bafite ubwibone biyereka abantu, bakanabuza abantu kugana inzira y'Imana, kandi Imana ku byo bakora iri menge." **Kor'ani 8:47**

2.3 IZISHINGIYE KU GUHATANA (UMUTUNGO MWINSHI, IMPAMYABUMENYI, URWEGO RW'UBUYOBOZI,…

Aha niho hari ikigeragezo gikomeye kuko niho umuntu abasha kubona uko yirwanyeho ndetse akabasha no kubona amakosa bagenzi batageze aho yageze bakoze.

Ubigezeho ari umuhakanyi ntabasha kumenya ko nabyo bitangwa n'Imana ndetse ko no kurutana mu nzego ari kamere y'iremwa. N'umuislamu utabigenzuye neza yisanga muri iyo mitekerereze akageza aho yirata ku bandi.

وَهُوَ ٱلَّذِى جَعَلَكُمْ خَلَٰٓئِفَ ٱلْأَرْضِ وَرَفَعَ بَعْضَكُمْ فَوْقَ بَعْضٍ دَرَجَٰتٍ لِّيَبْلُوَكُمْ فِى مَآ
ءَاتَىٰكُمْ ۗ إِنَّ رَبَّكَ سَرِيعُ ٱلْعِقَابِ وَإِنَّهُۥ لَغَفُورٌ رَّحِيمٌ ﴿١٦٥﴾

Imana iti: "Ni nawe wabagize abasigire ku isi, anabarutanishanya mu nzego, kugira ngo abageragereze mu byo yabahaye. Mu by'ukuri Nyagasani wawe yihutisha ibihano kandi ni Nawe ubabarira ibyaha, Nyirimpuhwe." **Kor'ani 6:165**

2.3.1 UMUTUNGO MWINSHI

Mu buzima turimo ubu ndetse n'ibyo tubona mu mateka usanga ikibazo cy'uko umuntu yiyumva igihe Imana yamuragije umutungo, hari ingero nyinshi tubona mu batubanjirije ku kuntu umutungo wateye kwibona no gutana.

Nuhu (A.S) yagejeje ubutumwa kuri benewabo ariko banga ku mukurikira ngo kuko bo bakize kandi yarayobotswe n'abakene.

Imana iratubwira iti:



"Baravuze bati: "Ntituzakwemera kandi abagukurikiye ari abasuzuguritse muri twe." ***Kor'ani 26:111.***

Ibi ni bimwe mu bibuza abantu kuyoboka kubera kubona ko ubahamagarira kuyoboka ntacyo aricyo imbere yabo, nk'abibazaga ngo kuki Intumwa y'Imana (S) itari yarahawe umutungo mwinshi (Kor'ani 25:8), bakumva ko uwo mutungo wari kuba ikimenyetso cy'uko iyo ntumwa ibyo yigisha ari ukuri niba koko yaratumwe na Nyirugutanga.

2.3.2 UBUMENYI (CYANGWA IMPAMYABUMENYI)

Umuntu Imana ishoboje kugira ubumenyi ku bintu runaka byaba iby'idini, ikoranabuhanga, ubushakashatsi, ubukorikori, ubuvumbuzi, ubucurabwenge, ubucuruzi,n'ubundi buhanga bunyuranye… Usanga yiyumvamo ko ari igitangaza kurusha abandi ndetse akaba yanabasuzugura.

Hari n'ababona impamyabumenyi z'ikirenga zikabatera kumva ko abatazifite badakwiye no kwicarana na bo mu byicaro cyangwa ngo babe babagira inama mu bintu runaka n'iyo baba ari ababyeyi babo.

Imana iratubwira iti:

قَالَ إِنَّمَآ أُوتِيتُهُۥ عَلَىٰ عِلۡمٍ عِندِيٓۚ أَوَلَمۡ يَعۡلَمۡ أَنَّ ٱللَّهَ قَدۡ أَهۡلَكَ مِن قَبۡلِهِۦ مِنَ ٱلۡقُرُونِ مَنۡ هُوَ
أَشَدُّ مِنۡهُ قُوَّةٗ وَأَكۡثَرُ جَمۡعٗاۚ وَلَا يُسۡـَٔلُ عَن ذُنُوبِهِمُ ٱلۡمُجۡرِمُونَ ٧٨

"Aravuga ati: "Ibi nabihawe kubera ubumenyi mfite. Ese ntiyamenye ko Imana yoretse ibisekuru mbere ye by'abamurushaka imbaraga, no kurundanya byinshi. Kandi inkozi z'ibibi ntizisasobanuzwa ku (cyaziteye) kwijandika mu mabi". **Kor'ani 28:78.**

2.3.3 URWEGO RW'UBUYOBOZI

Ufite ibyo ahagarariye hari ubwo bimubera inzira yo kwishyira hejuru ndetse no gukandamiza abo ayoboye nk'utanguranwa no gusoza igihe yahawe.

Mu mugenzo dukomora ku ntumwa y'Imana (S) ni uko umuyobozi akwiye kuba umukozi w'abo ayobora (Sayyidul qawmi khaadimuhum) atari uko yisuzuguza ahubwo ari uko adashyira imbere gushaka ibyubahiro kuruta kubakemurira ibibagoye.

Imana itwereka ko abakoresheje iyo ngabire y'ubuyobozi nabi bikabatera ubwibone byababereye isoko y'akaga gakomeye.

Imana itubwira ibye igira iti:

"Mu by'ukuri Farawo yishyize hejuru mu gihugu anashyira benecyo mu matsinda, akandamiza bamwe agirira nabi abahungu babo (abica), areka abakobwa babo. Mu by'ukuri yari mu bangizi ruharwa." **Kor'ani 28:4**

2.4 IZISHINGIYE KU KUTAMENYA (AGACIRO N'INGARUKA).

Mu bihe bitandukanye abantu bagiye bagira ubwibone ku bintu kubera ko babihaye agaciro gake bibwira ko ntacyo bimaze cyangwa kubikerensa nta ngaruka byabagiraho.

Urugero tubona mu mateka y'Intumwa y'Imana (S) ni mu mwaka wa 9 Hijriya mu bihe by'urugamba rwa Tabuk ubwo hamanukaga Ayat zivuga ku ndyarya uwitwa Julas Ibn Suwayid akavuga ati: "Ibyo uyu mugabo [Muhammad (S)] avuga bibaye ari ukuri twaba turi babi kurusha indogobe". Umayr Ibn Sa'ad (wari umwana umugore we yashakanye) wamwumvaga aravuga ati: Wambereye ingirakamaro cyane, sinanifuza ko hari ikibi cyakubaho. Ariko uvuze ijambo nindigaragaza ndibube nkushyize hanze, ariko nindihisha rizanyoreka. Kimwe muri byo cyaba ari kibi kurusha ikindi. Sa'ad Ibn Umayr ahita agenda abibwira Intumwa y'Imana (S). Nyuma ye gato Julas aritaba ariko arahirira ku Mana Intumwa y'Imana (S) ko ibyo ntabyo yavuze Umayr amuteza urubwa. **Imana imanura ayat ya 74 muri Surat Tawbah igaragaza ko hari abarahira ku Mana ko nta mvugo y'ubuhakanyi bavuze kandi barayivuze bakanahakana bari baremeye (Al-Amawi)**.

2.4 IZISHINGIYE KU NTEGE NKE (GUTSINDWA, ISHYARI, UBUKENE,…).

Kenshi usanga tubwirwa ko abantege nke bazoroherezwa ibarura kurusha abaragijwe ubushobozi bwinshi; bityo ugasanga uri muri icyo kiciro abaye ntibindeba ku buryo n'ibyo ashoboye abyirengagiza nk'aho hari undi ukora mu mwanya we. Buri gihe ibyo akora bidakwiye abyitirira intege nke ze hari no kumva ko abamukikije aribo bamukoresha ibidakwiye bigatuma yihuguza.

Imana iduha urugero ku kaga k'abitwara gutyo igira iti:

إِنَّ ٱلَّذِينَ تَوَفَّىٰهُمُ ٱلْمَلَٰٓئِكَةُ ظَالِمِىٓ أَنفُسِهِمْ قَالُوا۟ فِيمَ كُنتُمْ ۖ قَالُوا۟ كُنَّا مُسْتَضْعَفِينَ فِى ٱلْأَرْضِ ۚ قَالُوٓا۟ أَلَمْ تَكُنْ أَرْضُ ٱللَّهِ وَٰسِعَةً فَتُهَاجِرُوا۟ فِيهَا ۚ فَأُو۟لَٰٓئِكَ مَأْوَىٰهُمْ جَهَنَّمُ ۖ وَسَآءَتْ مَصِيرًا ﴿٩٧﴾

"Mu by'ukuri babandi Amalayika bakuramo roho ***barihuguje****, bababaza bati: mwabaga mu biki? Basubize bati: "Twari abanyantege ku butaka bw'iwacu". Babwire bati: Ese isi y'Imana ntiyari ngari ngo mwimukire ahandi? Abo ubuturo bwabo ni umuriro kandi ni ishyikiro ribi."* ***Kor'ani 4:97***

2.4.1 GUTSINDWA

Iyo umuntu atsinzwe cyangwa atabonye icyo yumvaga akwiye hari igihe asa n'utabyemeye abona ko ababibonye batari babikwiye nka we. Nko kuba umuntu yanga kuyoboka umuyobozi ngo n'uko yumvaga ariwe ubikwiye ku buryo yanamuhirika.

Ni byiza kubona ko abandi aribo bari babikwiye kukurusha aho kwiyumva nk'aho bitashoboka ko watsindwa.

Anas yaravuze ati: "Babwiye Intumwa y'Imana (S) niba yarabonye Abdullah Ibn Ubay. Hanyuma Intumwa (S) yurira ingamiya ijya kumureba n'abandi baislamu barayiherekeza, baca ku butaka bwivanzemo umunyu w'inyanja (sabkhas). Intumwa y'Imana (S) imugezeho mu kanya gato aravuga ati: "Winyegera, mu by'ukuri umunuko w'ingamiye yawe umereye nabi." Kubera iyo mvugo umwe mu ba Ansar aravuga ati: "Ni ukuri impumuro y'ingamiya y'Intumwa y'Imana (S) ni nziza kurusha iyawe ubwawe" umwe muri benewabo ba Ibn Salul biramurakaza ku buryo abo ku mpande zombi batangiye guterana amagambo, kugeza ubwo barwanisha inkoni, inkoni ndetse n'amaboko. Bivugwa ko Ayat ya 9 mu isurat ya 59 yamanutse kubera icyo kibazo, ivuga ko amatsinda abiri y'abemera nashyamirana azungwa…). **Sahih al Bukhari 2691.**

2.4.2 ISHYARI

Usanga niba hari ibyiza mugenzi wawe agezeho kandi mwarahoze muri bamwe utabasha kwakira ko koko yabigezeho, bityo ishyari rikagutera gushaka kumubyinagaza no kumutesha agaciro kubera wibona ko ari wowe wakabaye ubigeraho.
Imana iratubwira iti:


وَقَالُوا۟ لَوْلَا نُزِّلَ هَٰذَا ٱلْقُرْءَانُ عَلَىٰ رَجُلٍ مِّنَ ٱلْقَرْيَتَيْنِ عَظِيمٍ ﴿٣١﴾

أَهُمْ يَقْسِمُونَ رَحْمَتَ رَبِّكَ ۚ نَحْنُ قَسَمْنَا بَيْنَهُم مَّعِيشَتَهُمْ فِى ٱلْحَيَوٰةِ ٱلدُّنْيَا ۚ وَرَفَعْنَا بَعْضَهُمْ فَوْقَ بَعْضٍ دَرَجَٰتٍ لِّيَتَّخِذَ بَعْضُهُم بَعْضًا سُخْرِيًّا ۗ وَرَحْمَتُ رَبِّكَ خَيْرٌ مِّمَّا يَجْمَعُونَ ﴿٣٢﴾

“Baranavuze bati: Iyo byibuze iyo Kor’ani iza kumanurirwa umwe mu bagabo bo mu mijyi ibiri ikomeye. Ese nibo bagaba impuhwe za Nyagasani wawe? Ahubwo nitwe twabagabiye ubuzima babaho ku isi. Tuzamura bamwe mu ntera kurusha abandi kugira ngo bakenerane. Kandi impuhwe za Nyagasani wawe nizo nziza kurusha ibyo barundanya. **Kor’ani 43:31-32.**

2.4.2 UBUKENE

Gukena ni ikigeragezo cyagera kuri buri wese kuko twese dukungahazwa n'Imana nyamara muri icyo hari abatsinda na ndetse muri cyo hakagira abatsindwa.

Hari abo usanga basaba ariko bagashaka no gutegeka uko bahabwa atari uko bari gusobanura ikibazo ahubwo ari uko batabasha kunyurwa na bike bahawe.

Hari n'abumva ko kuba mu mitungo y'abatunze harimo uruhare rwabo bashobora kurwihereza ku gahato nta burenganzira batse benebyo cyangwa batagira icyo bahabwa bagakerensa uwabigabanyije.

Imana itubwira abagenza batyo aho igira iti:

وَمِنْهُم مَّن يَلْمِزُكَ فِي ٱلصَّدَقَٰتِ فَإِنْ أُعْطُواْ مِنْهَا رَضُواْ وَإِن لَّمْ يُعْطَوْاْ مِنْهَآ إِذَا هُمْ يَسْخَطُونَ ٥٨

"No muri bo hari abagukerensa ku by'amaturo. Iyo bahawemo barishima, batagira icyo bahabwamo bikabarakaza." **Kor'ani 9:58**

2.5 IZISHINGIYE KU MUTIMA WATANNYE (UBURYARYA, UBUHAKANYI, URWIGANWA,…)

Mu bintu bituma umuntu akomeza kugira ubwibone ndetse nta n'ifuze guhinduka mu bikomeye harimo kugira umutima utazi Imana cyangwa uyizi ariko mu buryo budakwiye.

Imana iratubwira muri Kor'ani iti:

"N'iyo babwiwe ngo nimwubamire Nyirimpuhwe! Baravuga bati: Ariko Nyirimpuhwe uwo ninde? Ese twubamire uwo wowe uri kudutegeka kubamira? Bikabongerera kurindagirira kure." **Kor'ani 25:60**

Intumwa y'Imana (S) nayo iravuga iti: "Umuntu azakomeza kwigira akataraboneka kugeza ubwo yanditswe mu bikuza, hanyuma agerweho n'ibyageze ku bikuzaga." **Jami'at Trimidhi 2000.**

Dukore ibishoboka tugendere kure kwibona kuko ari isoko y'amakuba mu buzima bwa nyuma.

3. INGERO Z'ABIBONE

Imana yaduhaye ingero nyinshi z'abibone muri Kor'ani n'iherezo ribi bagiye bagira hano ku isi, ndetse n'isezerano ridakuka ry'ibihano bazagira ku munsi w'imperuka kugira ngo byibuze dutekereze tube twaca ukubiri n'ubwibone.

Dufashe urugero nko ku bantu ba Aad bari baratumweho Intumwa y'Imana Hudu (A.S) bivugwa ko bari injege ndetse banubaka imijyi ikomeye kugeza ubwo biraye bakavuga ko ntawashobora n'Imana ubwayo bumvaga barayirenze mu bushobozi.
Imana ibaduhaho urugero igira iti:

"N'aba 'Aad bikujije ku isi (mu gihugu) bitari mu kuri, baravuga bati: Ninde waturusha imbaraga koko? Ese ntibabona ko Imana yabaremye ibarusha imbaraga? Kandi banahakanaga ibimenyetso byacu." **Kor'ani 41:15.**

4. IBYIZA BYO KUTABA UMWIBONE

Uko umuntu agabanya ubwibone muri we niko abantu barushaho kumwiyumvamo ndetse akabasha no kubabera urugero. Iyo witegereje ubuzima bw'Intumwa n'abahanuzi mu murimo wabo w'ivugabutumwa ubona neza ukuntu bagendeye kure ikitwa ubwibone.

Ndetse bemeye kwigomwa byinshi byifuzwa na benshi bishakirwamo ibyubahiro, kuko bari bazi ko icyubahiro nyacyo ari icy'Imana ikanagiha uwo ishaka mu bagaragu bayo.

Inzira yo kureka ubwibone ni iyo kugana ijuru ntakabuza nk'uko Imana ibiduhamo inkuru nziza igira iti:

تِلْكَ ٱلدَّارُ ٱلْآخِرَةُ نَجْعَلُهَا لِلَّذِينَ لَا يُرِيدُونَ عُلُوًّا فِى ٱلْأَرْضِ وَلَا فَسَادًا ۚ وَٱلْعَٰقِبَةُ لِلْمُتَّقِينَ ﴿٨٣﴾

"Iyo nzu yo buzima bwa nyuma twayiteganyirije babandi badashaka kwikuza ku isi batanashaka kuyikoraho ubwangizi. Kandi rwose ni iherezo ryiza ry'abagandukira Imana." **Kor'ani 28:83.**

5. IBADA ZIGUKURA MU BWIBONE

Nk'umuntu muri rusange kubera ko afite kamere yo kwikunda no gushaka kurusha abandi biba ari byiza ko yitoza cyane kugendera kure ubwibone.

Intumwa y'Imana (S) yaravuze iti: "Muratinye ubwibone, kuko ubwibone bwaba mu ,muntu abitewe n'umwambaro yambaye gusa." **Al-Mu'jam al-Awsat 558.**

Hari bimwe mu bikorwa umuntu yakihata gukora bikamugenza ku kureka ubwibone.

- Kumenya no guhora wiyibutsa icyubahiro cy'Imana uzirikana amategeko yayo. **(Kor'ani 17:37).**
- Kuzirikana ko ibyo ukora byose ubishobozwa n'Imana. **Kor'ani 11:123**
- Kwirinda kwigereranya n'abandi ngo ugire agahinda. **Kor'ani 15:88.**
- Kwihanganira abagukebura cyangwa abakunenga
- Kubaha abandi niyo waba ubarusha ingabire
- Guhora ushaka ubumenyi bwatuma utanganya kurushaho
- Guhora wibarurira, ukanasaba imbabazi ku makosa yawe.
- Gusaba Imana kuguha kwiyoroshya kandi ukamarana umwana n'aboroheje. **Kor'ani 18:28.**
- Gusura amarimbi n'abarwaye kuko byibutsa imperuka. **RS hadisi 580**

6. JAMAT ITARANGWAMO ABIBONE

Kugira habeho Jamat itarimo abibone bisaba ko abayihagarariye nk'abayobozi, abemera n'abandi bafite ubushobozi kuri benshi bafata iya mbere mu kwicisha bugufi.

Imana itwereka urugero rukomeye Intumwa y'Imana Muhammad (S) yadusigiye mu guca bugufi bitewe n'uko yitwaye ku ngeri zose z'abantu. Imana iratubwira iti:

فَبِمَا رَحْمَةٍ مِّنَ ٱللَّهِ لِنتَ لَهُمْ ۖ وَلَوْ كُنتَ فَظًّا غَلِيظَ ٱلْقَلْبِ لَٱنفَضُّوا۟ مِنْ حَوْلِكَ ۖ فَٱعْفُ عَنْهُمْ
وَٱسْتَغْفِرْ لَهُمْ وَشَاوِرْهُمْ فِى ٱلْأَمْرِ ۖ فَإِذَا عَزَمْتَ فَتَوَكَّلْ عَلَى ٱللَّهِ ۚ إِنَّ ٱللَّهَ يُحِبُّ ٱلْمُتَوَكِّلِينَ ﴿١٥٩﴾

"No ku bw'impuhwe z'Imana waraboroheye. N'iyo uza kuba umwanyamwaga bari kukugendera kure. Ngaho bababarire unabasabire imbabazi; unabagishe inama mu byo ukora. Ariko mu gihe ufashe umwanzuro wiringire Imana, mu by'ukuri Imana ikunda abayiringira." **Kor'ani 3:159**

Intumwa y'Imana (S) Nayo iti: "Mu kuri Imana yampishuriye ko mukwiye kwiyoroshya ku bandi; kugeza ubwo ntawuzaba akirenganya undi cyangwa ngo amwirateho." Sahih Muslim 2865.

7. UMUSOZO

Nk'Abaislamu bakurikiye Intumwa y'Imana (S) yo itarigeze irangwa na rimwe n'ibikorwa by'ubwibone dukwiye gutanga urwo rugero ku babana natwe twitwara nka Muhammad (S).

Akenshi uwirata yumva aryohewe nyamara uwirasweho yumva uburibwe bwo gukorerwa ibyo. Hari ibihamya byinshi ko abirasi badafite umugabane mu nzu yo mu buzima bwa nyuma, rero iyo ni imico idakwiye kurangwa ku muislamu uwo ariwe wese.

Benshi bakunda ubwibone kuko bumva ko bubahesha icyubahiro kirenze icyo bakwiye nyamara Intumwa y'Imana (S) yaravuze iti: **"ALAA INNA SHARRA UMMATIYAL-LADHIINA YUKRAMUUNA MAKHAAFATA SHARRIhIM: "Ababi muri Ummat yange ni abubahwa kubera kubatinyira ibibi bakora."**

Mureke tugendere kure ubwirasi kandi twubahane mu mibanire yacu, wenda Imana yabidutereramo inkunga yayo.